Bibiliya y'abana
irerekana



Ijuru, ubuturo bwiza bw'Imana

yanditswe na: Edward Hughes

yashushanyijwe na: Lazarus

yahujwe na: Sarah S.

yahinduwe na: Elizabeth Johnson

yasohowe na: Bible for Children
www.M1914.org

©2013 Bible for Children, Inc.
Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi nkuru igihe cyose utagamije kugurisha.

Igihe Yesu yabaga ku isi yabwiye abigishwa be iby'ijuru. Yaryitaga "Inzu ya Data", yavuze ko hariyo amazu menshi.



Inzu nini, ubuturo bwiza. Ijuru ni rigari kandi ni ryiza ugereranyije n'ubuturo bwo mu isi.



Yesu aravuga ati, "Ngiye kubategurira umwanya.

Kandi niba ngiye nkabategurira umwanya, nzagaruka na none mbanjyane."

Yesu yagiye mu ijuru amaze kuzuka mu bapfuye.

Igihe abigishwa barebaga, Yesu yari yazamuwe, igicu kiramubundikira amaso yabo ntiyongera kumubona.

Kuva ubwo, abakristo bibuka isezerano rya Yesu ryo kugaruka, akabajyana. Yesu yavuze ko azagaruka vuba, mu gihe gikwiye. Ariko se bite by'abakristo

bapfa ataragaruka?

Bibiliya ivuga ko bagenda bagahita bajya kubana na Yesu. Kuvanwa mu mubiri n'ukubana n'Imana.



Ibyahishuwe, igitabo cya nyuma cya Bibiliya, kitubwira ukuntu ijuru ari ryiza.



Ikintu kiza kurusha ibindi n'uko, mu buryo budasanzwe, ijuru ari ubuturo bw'Imana. Imana iri hose, ariko intebe yayo iri mu ijuru.



Abamalayika
n'ibinyabuzima byo
mu ijuru biramya
Imana mu ijuru.

Kimwe n'abantu b'Imana bose bapfuye bakajya mu ijuru. Baririmba indirimbo zidasanzwe zo guhimbaza Imana.

Hano hari amwe mu magambo yo mu ndirimbo baririmba: NI WOWE IKWIRIYE KUKO WATAMBWE UGACUNGURIRA IMANA ABO MU …

… MIRYANGO YOSE,
NO MU MOKO YOSE
UDUCUNGURISHIJE
AMARASO
YAWE, …

... UKADUHINDURIRA IMANA YACU KUBA ABAMI N'ABATAMBYI (Ibyahishuwe 5:9).



Urupapuro rwa nyuma rwa Bibiliya rugereranya ijuru nka "Yerusalemu nshya". Ni rinini cyane, n'urukuta rurerure hanze.



Inkuta zubatswe n'amabuye ya Yasipi, abengerana nk'amasarabwayi.



Ifeza n'andi mabuye y'agaciro atwikiriye urufatiro rw'urwo rukuta, abengerana amabara meza. Buri



rembo ry'umurwa n'isaro rinini!

Ayo marembo y'amasaro manini ntajya afungwa. Reka tujye mo maze dutambagire hose … Mbega byiza!

N'imbere mu Ijuru ni heza cyane. Imirwa yubatswe n'izahabu gusa, nk'ibirahure bibonerana. Yemwe n'utuyira dukozwe mu izahabu.

Umugezi mwiza, ukeye w'amazi y'ubugingo uva ku ntebe y'Imana. Impande zose z'umugezi hari igiti cy'ubugingo, cyabonetse bwa mbere mu busitani bwa Edeni.



Iki giti ntigisanzwe. Kigira amoko y'imbuto cumi n'abiri atandukanye, ubwoko butandukanye buri kwezi. Amababi y'igiti cy'ubugingo n'ayo gukiza imiryango yose.



Ijuru ntirikenera urumuri rw'izuba cyangwa ukwezi. Icyubahiro cy'Imana cyuzuye urumuri rwiza bitangaje. Nti hajya haba ijoro na rimwe.



Yemwe n'inyamaswa mu ijuru ziratandukanye. Ziratuje kandi n'inyamico myiza. Impyisi n'abana b'intama bisangira ubwatsi. Intare z'inkazi zirisha mu rwuri nk'imfizi.



Uwiteka aravuga ati, "Nta mubabaro nta no gupfa biba ku musozi wanjye wera."



Iyo twitegereza ahatuzengurutse, tubona hari ibintu bibura mu ijuru. Nta magambo y'ibibabaza ajya yumvwa yo.

Nta muntu urwana cyangwa ngo yikunde. Nta ngufuri ziba ku nzugi, kuko nta bajura baba mu ijuru.



Nta babeshyi, abicanyi, abapfumu cyangwa abandi bantu babi.

Nta cyaha cy'ubwoko ubwo aribwo bwose kiba mu ijuru.

Mu ijuru ku Mana nta marira arangwa yo. Rimwe na rimwe, abantu b'Imana barira kubera imibabaro iba muri ubu buzima.

Mu ijuru, Imana izahanagura amarira yabo yose.

Mu ijuru nta rupfu rubayo. Abantu b'Imana bazabana n'Uwiteka ubuziraherezo.
Nta gahinda karangwa yo, nta marira, nta mubabaro urangwa yo.



Nta burwayi, nta gutandukana, nta gushyingura. Buri umwe wese mu ijuru arishimye ubuzira herezo n'Imana.



Ikiruta byose, ijuru ni iry'abahungu n'abakobwa (n'abakuru nabo) bizeye Yesu kristo nk'umucunguzi wabo, bakamwubaha nk'Imana yabo.



Mu ijuru hari igitabo cyitwa Igitabo cy'ubugingo cy'umwana w'intama. Cyuzuyemo amazina y'abantu. Uzi banyiri ayo mazina yanditswe mo?

Abantu bose bashyize ukwizera kwabo muri Yesu. Ese izina ryawe ririmo?



Ijambo rya nyuma rya Bibiliya rivuga ku iby'ijuru, ni ubutumire bwiza. "Umwuka n'umugeni baravuga ngo, 'Ngwino!'

Kandi uwumva wese navuge ati 'Ngwino!' Kandi ufite inyota naze. Kandi ushaka wese, ajyane amazi y'ubugingo ku buntu."

Ijuru, ubuturo bwiza bw'Imana

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Yohani 14; 2 Abakorinto 5;
Ibyahishuwe 4, 21, 22

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo." Zaburi 119:130

Iherezo

Iyi nkuru itubwira iby'Imana yacu nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita icyaha. Igihano cy'icyaha ni urupfu, ariko Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo w'ikinege, Yesu, apfira ku musaraba maze ahanwa kubw'ibicumuro byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi ukamusaba imbabazi z'ibyaha byawe, azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi uzabana nawe ubuzira herezo.

Niba ushaka kuva mu
byaha byawe, bwira Imana uti:
Ku nshuti yanjye Mana, Nizera ko Yesu
ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari
muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima
bwanjye, mbabarira ibyaha byanjye, kugira
ngo none aha mbashe kubona ubuzima
bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana
nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira
no kubaho ku bwawe nk'umwana wawe.
Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana
buri munsi! Yohani 3:16